SHANGUGU
9027

République du Ruanda
Préfecture de Shangugu

Shangugu, le 27 mars 1962

N° 789 /Agri-café

Transmis cppie pour information à Monsieur l'Agronome de Secteur (Tous)

Kuli ba Bourgmestres (bose)
Sous-couvert de Monsieur le Préfet
à
SHANGUGU.-

Objet: Gukorera amakawa.

Bwana Bourgmestre,

Ndabaramutsa,

Ndabamenyesha ko mu ma communes menshi yanyu h ari amakawa menshi adakoreye yarenzweho nibigunda kubera ko beneyo batitayoko kuyakorera cyanga se kuberako beneyo bahunze.Tuzi neza kandi ko amakawa y'impunzi yasaruwe n'abaturage ba commune cyanga se commune ubwayo.Muzi neza ko ikawa idashobora kugira undi mwaka uyirusha kugira akamaro mu Ruanda.Kiyo ifitiye igihugu cyacu akamaro kurusha iyindi myaka duhinga yose kuberako ituma tubona amafranga avueye mu bindi bihugu, ibyo rero bigatuma dushobora kugura ibintu dukeneye, igatuma ubucuruzi bukomera mu Ruanda, biturutse kubivuye ahandi biturutse ku makawa yacu tugura nabyo, tudafite rero kawa ntidushobora kubona amafranga yahandi.

Muzi kandi neza ko ikawa idakoreye itera neza cyanga ntiyere naduke.Iyo rero ziteze cyanga zeze duke, bituma tubona amafranga make cyane avuye ahandi cyanga ntituyabone, kurubwo buryo murumva neza ko arugu nobbya igihugu.Kugirango twirinde gukenesha igihugu tugomba twese abafite kawa kuzitaho cyane tukazikorera kurusha ibindi byose dukurikije inyigisho n'inama abahnga mu by'Ubuhinzi batubwiriza kandi akaba ari ngombwa kuzikurikiza kugirango zishobore kutugirira akamaro no kukagirira Igihugu cyose.

Umuturage wese wa commune cyanga se commune yaba yarasubiye mu by'Impunzi canga asarura ikawa zazo agomba no kuzifata neza kugirango zitacika bigatuma tweza kawa nke, bigatuma rero ukungu bwahandi butiyongera mu Ruanda,tugomba kwihatira kweza kawa nyinshi buri mwaka, ibyo rero utidushobora kubigaraho tudakoreye amaka yose ari mu gihugu.

Muzi neza ko buri munyarwanda yifuza kubona Urwanda ruba igihugu gikize, kugirango mwerekane koko komubyifuza, intego mbahaye n'iyo gutunganya amakawa yose ari mu ma commune yanyu.Nibigenda bityo ubukungu mu gihugu buzahasesekara ntakibuza.

Mbihanangirije kugerageza kumva no kumvisha abaturage ako kamaro kawa ifitiye buri muntu n'Igihugugu cyose.

Ndashimira cyane rwose Communes zaba zidafite imilima ya kawa yaraye nkuko tujya tubibona henshi kandi nshimiye nakirikare uwo ntu wese wiyumvisha kandi akazagerageza no kumvisha mugenzi we akamaro nzi ifitiye abantu bose no mu Ruanda.

Ndangije mbasaba kwita kurikawa bidatinde.

Pour l'Agroneme de Préfecture absent,

L'Agronome de Secteur, NZABONIMANA Cassien.

Nzabonimana,